REPUBULIKA Y'U RWANDA

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE

**ICYEMEZO GITEGEKA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO MU RUBANZA RP 00388/2020/TGI/MUS.**

Umwaka wa **2021**, Umunsi wa **22** w'ukwezi kwa cumi na kabiri;

**TWEBWE MUNYAWERA BIGATI**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze, dufashijwe na **NYIRANEZA Esperance**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**TUMAZE** kubona urubanza RP 00388/2020/TGI/MUS, Ubushinjacyaha buregamo **MUNYANZIZA Joseph** mwene SEMAHERU Martin na Mukandutiye Ancilla, wavutse ku wa 24/01/1971, wabarizwaga mu Mudugudu wa Nyarubande, Akagari ka Rwebeya, Umurenge wa Cyuve, Akarere ka Musanze; hamwe na **NDEKEZI Deogratias** mwene MALEKERA André na MUKABAHARANYI Angéline, wavutse ku wa 12/12/1976, wabarizwaga mu Mudugudu wa Byimana, Akagari ka Ruhengeri, Umurenge wa Muhoza, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru bakaba bakurikiranywe nk'abatorotse ubutabera;

**TUMAZE** kubona ko MUNYANZIZA Joseph na NDEKEZI Deogratias **bakurikiranyweho** icyaha cyo **kunyereza umutungo wa Leta**, icyaha cyateganywaga n'ingingo ya 325 y'itegeko ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, iri tegeko akaba ariryo ryakoreshwaga ubwo icyaha cyakorwaga;

**TUMAZE** kubona ko abaregwa batorotse ubutabera nk'uko bigaragazwa n'ubushinjacyaha;

**Dushingiye** ku ngingo ya 160, iya 161 n'iya 162 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**DUTEGETSE** ko **MUNYANZIZA Joseph** na **NDEKEZI Deogratias** bitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze kuwa **22/03/2022 kugira ngo baburane urubanza baregwamo n'ubushinjacyaha**, batakwitaba hakazemezwa ko basuzuguye amategeko, ndetse urubanza rukazaburanishwa badahari.

**DUTEGETSE** ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru Imvaho Nshya cyangwa kuri *web site* y'Urukiko rw'Ikirenga kandi kikamanikwa ku biro by'Umurenge wa Cyuve, ku Murenge wa Muhoza no ku Rukiko Rwisumbuye rwa Musanze.

N'UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.

URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE

| | |
|---|---|
| MUNYAWERA BIGATI | NYIRANEZA Espérance |
| UMUCAMANZA | UMWANDITSI |